<p><u>Ingingo ya 11:</u></p> <p>Inteko Rusange ifite ububasha busumba ubw'izindi nzego zose z'Ishyirahamwe kuko ari yo ishinze ibi bikurikira:</p>	<p><u>Article 11:</u></p> <p>The General Assembly shall have the most extensive powers and perform these duties:</p>	<p><u>Article 11:</u></p> <p>L'Assemblée Générale a les pouvoirs les plus étendus et exerce les fonctions suivantes:</p>

Official Gazette n° 48 of 26/11/2018

1. Gutegura icyerekezo cy'ishyirahamwe;	1. Design orientations of the association;	1. La conception des orientations de l'association;
2. Kwemeza no guhindura amategeko shingiro n'amabwiriza agenga ishyirahamwe;	2. Adopt or modify statutes and the internal rules and regulations;	2. Adopter ou modifier les statuts et le Règlement d'Ordre Intérieur;
3. Gutora umuvugizi w'ishyirahamwe n'abagize komite nshingwabikorwa;	3. Elect the legal representative of the association and Executive Committee members;	3. Elire le représentant légal de l'association et les membres du Comité Exécutif;
4. Kwemeza ingengo y'imari y'ishyirahamwe n'igenamigambi by'umwaka;	4. Approve the annual budget and action plan of the association;	4. Approuver le budget annuel et le plan d'action de l'association;
5. Gutora Abagenzuzi b'imari ;	5. Elect audit committee members;	5. Elire les auditeurs ;
6. Kugena umusanzu w'abanyamuryango;	6. Set membership fees;	6. Fixer le montant des cotisations;
7. Kwemeza utunama ngishwanama dushyirwaho n'abagize komite nshingwabikorwa;	7. Approve commissions put in place by the Executive Committee;	7. Approuver les commissions mis en place par le Comité Exécutif;
8. Kwemeza iyegura ry'abagize Komite Nshingwabikorwa n'Abagenzuzi;	8. Dismiss members of the Executive committee and auditors;	8. Révoquer les membres du comité exécutif et des auditeurs ;
9. Kwemeza iseswa ry'ishyirahamwe;	9. Decide on the dissolution of the association;	9. Décider sur la dissolution de l'association

Official Gazette n° 48 of 26/11/2018

<p>10. Kwakira inkunga n'impano;</p> <p>11. Kwemeza, guhagarika no gusezerera umunyamuryango;</p> <p>12. Gushyiraho impuguke zo gusesa ishyirahamwe no guteganya inshingano ze;</p> <p>13. Kwemeza imicungire y'umutungo nyuma y'iseswa ry'ishyirahamwe.</p>	<p>10. Accept grants and legacies;</p> <p>11. Approve, suspend or exclude a member;</p> <p>12. Appoint liquidators and define their term of office;</p> <p>13. Decide on how to allocate assets after liquidation.</p>	<p>10. Accepter des subventions et des legs ;</p> <p>11. Approuver, suspendre ou exclure un membre;</p> <p>12. Nommer des liquidateurs et définir leur mandat;</p> <p>13. Décider sur la façon de répartir l'actif après la liquidation.</p>
<p><u>Ingingo ya 12:</u></p> <p>Inama isanzwe y'Inteko Rusange iba kabiri mu mwaka. Hashobora kubaho inama y'Inteko Rusange idasanzwe.</p>	<p><u>Article 12:</u></p> <p>The General Assembly shall be held twice per year ordinary session. It may hold extraordinary sessions.</p>	<p><u>Article 12:</u></p> <p>L'Assemblée Générale se réunit deux fois par an en session ordinaire. Il peut se réunir en sessions extraordinaires.</p>
<p><u>Ingingo ya 13:</u></p> <p>Inteko Rusange ibera ahateganyijwe, ku gihe no ku isaha bigaragara ku butumire.</p> <p>Mu nteko rusange isanzwe, ibiri ku murongo w'ibyigwa ntihagomba kuburamo ishusho y'umutungo y'umwaka ushize, ingengo y'imari, raporo y'ibikorwa bya Komite</p>	<p><u>Article 13:</u></p> <p>The General Assembly shall hold its sessions in such venues, on such days and such hours as specified in the invitation.</p> <p>The agenda of the ordinary session shall obligatorily include presentation of the balance sheet for the year ended, budget forecasts and the activity report of the</p>	<p><u>Article 13:</u></p> <p>L'Assemblée Générale tient ses sessions dans les lieux, aux jours et heures précisés dans l'invitation.</p> <p>L'ordre du jour de la session ordinaire doit obligatoirement inclure la présentation du bilan pour l'année écoulée, les prévisions budgétaires et le</p>

Official Gazette n° 48 of 26/11/2018

<p>Nshingwabikorwa ndetse na raporo z'abagenzuzi.</p>	<p>Executive Committee as well as the report on the internal control by the auditors.</p>	<p>rapport d'activité du Comité Exécutif ainsi que le rapport d'audit.</p>
<p><u>Ingingo ya 14 :</u></p> <p>Inteko Rusange ifata ibyemezo ishingiyeye ku bwiganze busesuye bw'abanyamuryango bitabiriye inama, uretse indi mpamvu yateganywa n'ayandi mategeko. Mu gihe amajwi yanganye, amatora asubirwamo.</p> <p>Ku nshuro ya gatatu y'amatora, ijwi ry'Umuyobozi ribarwa kabiri.</p>	<p><u>Article 14:</u></p> <p>Decisions by the General Assembly shall be taken by the absolute majority of members present, save where expressly provided for by the present statutes. In case of equal votes, voting may be resumed.</p> <p>At the third round of voting, the Chairperson shall have the casting vote.</p>	<p><u>Article 14:</u></p> <p>Les décisions de l'Assemblée Générale sont prises à la majorité absolue des membres présents, sauf les cas expressément prévus par les présents statuts. En cas d'égalité des voix, le vote peut être repris.</p> <p>Au troisième tour de vote, le Président a une voix prépondérante.</p>
<p>IGICE CYA II: KOMITE NSHINGWABIKORWA</p>	<p>SECTION II: THE EXECUTIVE COMMITTEE</p>	<p>SECTION II: LE COMITE EXECUTIF</p>
<p><u>Ingingo ya 15:</u></p> <p>Imikorere y'Ishyirahamwe n'imicungire y'umutungo waryo biri mu nshingano za Komite Nshingwabikorwa, igizwe na Perezida, Visi Perezida, Umunyamabanga n'Umubitsi.</p> <p>Abagize Komite Nshingwabikorwa batorwa n'Inteko Rusange hakurikijwe ubwiganze bw'amajwi y'abari mu nteko. Bakaba</p>	<p><u>Article 15:</u></p> <p>The running of the Association and management of its property shall be done by the Executive Committee composed of a President, Vice President, Secretary and Treasurer.</p> <p>Executive committee members shall be elected by the General Assembly by the absolute majority of members present for</p>	<p><u>Article 15:</u></p> <p>Le fonctionnement de l'association et la gestion de ses biens doivent être faite par le Comité Exécutif composé du Président, du Vice-président, du Secrétaire et du Trésorier.</p> <p>Les membres du Comité exécutif sont élus par l'Assemblée Générale à la majorité absolue des membres présents,</p>

Official Gazette n° 48 of 26/11/2018

<p>batorerwa manda y'imyaka itatu ishobora kongerwa rimwe gusa.</p>	<p>three years term in office and only renewable once.</p>	<p>pour un mandat de trois ans renouvelable une fois.</p>
<p><u>Ingingo va 16:</u></p> <p>Komite Nshingwabikorwa ni urwego rushyira mu bikorwa ibyemezo by'Inteko Rusange. Ni urwego rushinzwe gucunga umutungo w'Ishyirahamwe.</p> <p>Komite Nshingwabikorwa ifite inshingano zikurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Gushyiraho abakozi b'ubunyamabanga buhoraho; 2. Gutegura by'agateganyo amabwiriza agenga Ishyirahamwe agashyikirizwa Inteko Rusange ngo iyemeze; 3. Gusaba Inteko Rusange kwemeza iyakirwa cyangwa isezererwa ry'umunyamuryango w'ishyirahamwe; 	<p><u>Article 16:</u></p> <p>The Executive Committee shall be the implementing organ for the decisions of the General Assembly. It shall be responsible for administration and management of the assets of the association.</p> <p>The Executive Committee shall have the powers to:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Recruit permanent staff in the association secretariat; 2. Draft for the General Assembly the internal rules and regulation; 3. Propose to the General Assembly admission or exclusion of a member from the Association; 	<p><u>Article 16:</u></p> <p>Le Comité Exécutif est l'organe d'exécution des décisions prises par l'Assemblée Générale. Il est responsable de l'administration et de la gestion de l'actif de l'association.</p> <p>Le Comité Exécutif exerce les pouvoirs suivants:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Recruter le personnel du secrétariat permanent; 2. Préparer le règlement d'ordre intérieur provisoire à soumettre à l'Assemblée Générale pour l'approbation; 3. Proposer à l'Assemblée Générale pour l'admission ou l'exclusion de membre de l'Association;

Official Gazette n° 48 of 26/11/2018

<p>4. Gukemura ibindi bibazo byose bitari mu nshingano z'Inteko Rusange;</p> <p>5. Gusaba Inteko Rusange kunononsora amategeko shingiro;</p> <p>6. Gushyikiriza Inteko Rusange Ingengo y'imari n'amaraporo y'imicungire y'Ishyirahamwe;</p> <p>7. Gushyira mu bikorwa ibyemezo byafashwe n'inama y'inteko rusange.</p>	<p>4. Settle any other issue not falling within the competence of the General Assembly;</p> <p>5. Propose to the General Assembly modifications to the statutes;</p> <p>6. Submit to the General Assembly draft budgets and management report;</p> <p>7. Implement all decisions taken by the general assembly.</p>	<p>4. Régler toute autre question ne faisant pas partie de la compétence de l'Assemblée Générale;</p> <p>5. Proposer à l'Assemblée Générale des modifications aux statuts;</p> <p>6. Soumettre à l'Assemblée Générale des projets des budgets et rapport de gestion;</p> <p>7. Exécuter toutes des décisions prises par l'Assemblée Générale.</p>
<p><u>Ingingo ya 17:</u></p> <p>Nta munyamuryango n'umwe uri muri Komite Nshingwabikorwa ugomba gukoresha ububasha afite mu nyungu ze bwite.</p>	<p><u>Article 17:</u></p> <p>No Executive Committee member can take commitment on behalf of the Association for their personal interests.</p>	<p><u>Article 17:</u></p> <p>Aucun membre du Comité Exécutif ne peut prendre l'engagement au nom de l'Association pour ses affaires personnelles.</p>
<p><u>Ingingo ya 18:</u></p> <p>Perezida wa Komite Nshingwabikorwa ni na we Muyobozi w'Inteko Rusange akaba n'Umuvugizi w'Ishyirahamwe. Visi-Perezida ni we muvugizi wungirije w'Ishyirahamwe.</p>	<p><u>Article 18:</u></p> <p>The Chairperson of the Executive Committee shall assume the duties both as the Chairperson of the General Assembly and Legal representative of the Association. The Vice Chairperson shall be the deputy legal representative of the Association.</p>	<p><u>Article 18:</u></p> <p>Le Président du Comité Exécutif assumera les fonctions à la fois du Président de l'Assemblée Générale et le représentant légal de l'Association. Le Vice-président est le représentant légal adjoint de l'Association.</p>

<u>Ingingo ya 19:</u>	<u>Article 19:</u>	<u>Article 19:</u>
<p>Komite Nshingwabikorwa itumizwa kandi ikayoborwa n'Umuvugizi w'Ishyirahamwe, iyo atabonetse bikorwa n'umwungirije akayiyobora. Bombi bataboneka umunyamabanga ni we ukora akayobora.</p>	<p>The Executive Committee shall be convened and chaired by the Legal representative of the Association, in case of his/her absence then the Vice Chairperson will convene and chair the meetings. If both are absent, the Secretary shall chair the meeting.</p>	<p>Le Comité Exécutif est convoqué et présidé par le représentant légal de l'Association, pendant son absence par son Vice-président. Si tous les deux sont absents, le Secrétaire peut présider la réunion.</p>
<p>Iterana nibura rimwe mu gihembwe ku cyicaro cy'Ishyirahamwe, cyangwa ahandi aho ariho hose mu Rwanda.</p>	<p>The Executive Committee shall meet at least quarterly at the head office of the Association, or at any other place in Rwanda.</p>	<p>Le Comité Exécutif se réunit au moins une fois par trimestre au siège de l'Association, ou en tout autre lieu au Rwanda.</p>
<p>Ishobora guterana biturutse ku cyifuzo cyanditse cya 2/3 by'abanyamuryango bayigize. Ubutumire butegurwa mu minsi icumi mbere y'uko inama iba.</p>	<p>It may also meet upon a written request by at least 2/3 of its members. It shall meet within ten days as from the invitation date.</p>	<p>Il peut également se réunir sur demande écrite d'au moins 2 / 3 de ses membres. Il se réunit dans les dix jours à compter de l'invitation.</p>
<p>Komite Nshingwabikorwa iterana kandi igafata imyanzuro ifite agaciro iyo 2/3 by'abayigize babonetse. Ntabwo umunyamuryango uri muri Komite Nshingwabikorwa ashobora guhagararirwa.</p>	<p>The Executive Committee shall meet and take valid decisions only where at least 2/3 of its members are present. No representation shall be accepted.</p>	<p>Le Comité Exécutif doit se réunir et prendre des décisions valables que si au moins 2 / 3 de ses membres sont présents. Aucune représentation ne sera acceptée.</p>
<p>Imyanzuro yose ya Komite Nshingwabikorwa ifatwa hakurikije ubwiganze bw'amajwi y'abanyamuryango</p>	<p>All decisions of the Executive Committee shall be taken by the absolute majority of members present. In case of a tie vote, the Chairperson shall have a casting vote.</p>	<p>Toutes les décisions du Comité Exécutif sont prises à la majorité absolue des membres présents. En cas de partage égal</p>

Official Gazette n° 48 of 26/11/2018

<p>babonetse. Iyo amajwi anganye, Perezida afata icyemezo ndakuka.</p>		<p>des voix, le Président aura une voix prépondérante.</p>
<p><u>Ingingo ya 20:</u></p> <p>Abanyamuryango bagize Komite Nshingwabikorwa barebwa ku buryo budasubirwaho kandi butabangamiye n'imikorere y'Ishyirahamwe.</p> <p>Ariko buri wese abazwa ibirebana n'inshingano aba yaratorewe.</p>	<p><u>Article 20:</u></p> <p>The Executive Committee members shall jointly and severally be held accountable to the Association for the performance of their collective duties.</p> <p>However, each shall be responsible for fulfillment of the duties for which he/she was elected.</p>	<p><u>Article 20:</u></p> <p>Les membres du Comité Exécutif sont conjointement et solidairement tenus responsables de l'Association pour l'exercice de leurs fonctions collectives.</p> <p>Cependant, chacun doit être responsable de l'exécution des fonctions pour lesquelles il / elle a été élu.</p>
<p><u>Ingingo ya 21:</u></p> <p>Kopi z'impapuro cyangwa z'inyandiko z'amategeko ngenga cyangwa z'ibiganiro bya Komite Nshingwabikorwa cyangwa by'Inteko Rusange zishobora kwifashishwa mu butabera cyangwa mu bindi bikorwa, zigomba gusinywa zose n'Umuvugizi ndetse n'Umunyamabanga, zigashyingurwa ku cyicaro cy'Ishyirahamwe.</p>	<p><u>Article 21:</u></p> <p>Copies or excerpts of statutes or debates of the Executive Committee or the General Assembly to be produced in court or for any other purposes shall be signed for conformity by both the legal representative and the secretary. They shall be kept at the head office of the Association.</p>	<p><u>Article 21:</u></p> <p>Les copies ou extraits des statuts ou des débats du Comité exécutif ou l'Assemblée Générale pour être produits en justice ou à d'autres fins doivent être signés pour conformité par le représentant légal et le secrétaire. Ils sont tenus au siège social de l'Association.</p>
<p><u>Ingingo ya 22:</u></p> <p>Visi Perezida afasha Perezida, akanamusimbura igihe adahari cyangwa havutse indi mpamvu imubuza kuboneka.</p>	<p><u>Article 22:</u></p> <p>The Vice Chairperson shall assist the legal representative and replaces him/her on the role of representative when absent or in</p>	<p><u>Article 22:</u></p> <p>Le Vice-Président assiste le Président et le remplace en cas d'absence ou en cas de difficultés imprévues. Le 1^{er} Vice</p>

Official Gazette n° 48 of 26/11/2018

<p>Muri icyo gihe, Visi Perezida ashobora guhagararira ishyirahamwe imbere y'amategeko.</p>	<p>case of unforeseen difficulty. In such a case, the legal representative can play the legal representative role and represents the Association accordingly.</p>	<p>représentant légal assiste le Représentant légal en cas d'absence ou en cas de difficultés imprévues. Dans ce cas, le Vice représentant joue le rôle du Représentant légal de l'Association.</p>
<p><u>Ingingo ya 23:</u></p> <p>Umunyamabanga agomba gufata inyandiko mvugo igihe cy'inama ya Komite Nshingwabikorwa n'Inteko Rusange akabika n'inyandiko z'ishyirahamwe. We na Perezida bashyiraho rimwe umukono ku nyandiko mvugo z'amanama.</p> <p>Ategurira Komite Nshingwabikorwa raporo y'ibikorwa izashyikirizwa Inteko rusange mu nama isanzwe.</p>	<p><u>Article 23:</u></p> <p>The secretary shall take minutes of meetings of the Executive Committee and the General Assembly and keep the records of the Association. He /she and the Chairperson shall jointly sign the minutes of the meetings.</p> <p>He/she prepares for the Executive Committee a report of activity to be submitted to the General Assembly in its ordinary session.</p>	<p><u>Article 23:</u></p> <p>Le secrétaire doit prendre des minutes des réunions du Comité Exécutif et de l'Assemblée Générale et tenir les registres de l'Association. Il/elle et le Président doivent signer conjointement les procès-verbaux des réunions.</p> <p>Il /Elle prépare pour le Comité exécutif un rapport d'activité qui sera soumis à l'Assemblée Générale à sa session ordinaire.</p>
<p><u>Ingingo ya 24:</u></p> <p>Umubitsi ashobora kwakira imisanzu n'izindi mpano z'ishyirahamwe. Umubitsi agomba kuba afite ibitabo mu bubiko n'izindi mpapuro z'umutungo w'ishyirahamwe. Ategura ingengo y'imari agakora ishusho y'umutungo na konti ikoreshwa na Komite Nshingwabikorwa.</p>	<p><u>Article 24:</u></p> <p>The treasurer shall collect contributions and other resources allocated to the Association. He/she shall keep cash books and other accounting documents of the Association. He/she shall prepare the budget; establish the balance sheet and operate bank accounts for the Executive Committee.</p>	<p><u>Article 24:</u></p> <p>Le trésorier est habilité à recueillir des contributions et autres ressources allouées à l'Association. Il doit tenir les livres de caisse et autres documents comptables de l'Association. Il prépare le budget, établit le bilan et le compte d'exploitation pour le Comité Exécutif.</p>

Official Gazette n° 48 of 26/11/2018

<p>Agomba gusinya hamwe na Perezida cyangwa se na visi Perezida ku ma konti ya za banki.</p>	<p>He/she shall sign either with the Chairperson or the Vice Chairperson on banks accounts.</p>	<p>Il doit signer soit avec le Président ou le Vice-président sur les comptes des banques</p>
<p><u>Ingingo ya 25:</u></p> <p>Ibisabwe na Komite Nshingwabikorwa cyangwa ibishatse, Inteko Rusange ishobora gushyiraho akanama kabisobanukiwe gashinzwe ishyirwa mu bikorwa rya za gahunda zose yateguye. Ishyiraho n'amabwiriza ngenderwaho y'ako kanama.</p>	<p><u>Article 25:</u></p> <p>On proposal by the Executive Committee or at its initiative, the General Assembly may set up specialized commissions entrusted with implementing any program it deems necessary. It shall fix a structure thereof.</p>	<p><u>Article 25:</u></p> <p>Sur proposition du Comité Exécutif ou à son initiative, l'Assemblée Générale peut créer des commissions spécialisées chargées de l'exécution de tout programme qu'il détermine. Il fixe une structure de celle-ci.</p>
<p><u>Ingingo ya 26:</u></p> <p>Igihe umunyamuryango uri muri Komite Nshingwabikorwa yeguye umusimbura we arangiza manda mu nama y'Inteko rusange ikurikiyeho.</p>	<p><u>Article 26:</u></p> <p>On resignation of a member from the Executive Committee, his successor completes the mandate to the next session of the General Assembly.</p>	<p><u>Article 26:</u></p> <p>En cas de démission d'un membre du Comité Exécutif, son successeur achève le mandat de la prochaine session de l'Assemblée Générale.</p>
<p>IGICE CYA IV. KOMITE Y'ABAGENZUZI</p>	<p>SECTION IV: AUDIT COMMITTEE</p>	<p>SECTION IV: LE COMMISARIAT AUX COMPTES</p>
<p><u>Ingingo ya 27:</u></p> <p>Inteko Rusange ishyiraho abagenzuzi babiri (2) bafite manda y'imyaka ibiri ishobora kongerwa.</p>	<p><u>Article 27:</u></p> <p>The General Assembly shall elect two (2) Auditors for two years term in office which may be renewable once.</p>	<p><u>Article 27:</u></p> <p>L'Assemblée Générale élit, pour un mandat de deux ans renouvelable une fois, deux (2) auditeurs.</p>

Official Gazette n° 48 of 26/11/2018

<p>Mu byo bashinzwe harimo:</p> <ol style="list-style-type: none"> Gusuzuma ibitabo, amafaranga afatika n'ibikorwa by'ishyirahamwe; Ishyirwa k'umurongo ry'igenzura n'ubudakemwa bw'ishusho y'umutungo n'ukuri kubiri kuri konti; Gusuzuma niba imyanzuro y'Inteko Rusange yarashyizwe mu bikorwa no kureba uburyo amategeko yubahirizwa ndetse n'amategeko y'umwihariko y'ishyirahamwe. <p>Abagenzuzi bashobora kugenzura cyangwa gusuzuma ibikorwa bya ngombwa, igihe cyose, batabangamiye imikorere y'Ishyirahamwe.</p>	<p>Their duties include:</p> <ol style="list-style-type: none"> Audit and analyze books of accounts, cash and assets of the Association; Control adjustments and authenticity of balance sheets and accuracy of information on accounts; Check whether decisions of the General Assembly were implemented and ensure compliance with the internal rules and regulations. <p>Auditors may, at any time, make any verification or controls they deem necessary without interfering with the daily management of the Association.</p>	<p>Leurs fonctions comprennent:</p> <ol style="list-style-type: none"> Vérifier, sans les enlever, les livres, les liquidités et les actifs de l'Association; Ajustement de contrôle et de la sincérité des bilans et l'exactitude des informations sur les comptes; Vérifier si les décisions de l'Assemblée Générale ont été mises en œuvre et assurer le respect des règles et règlements d'ordre intérieur. <p>Les Auditeurs peuvent, à tout moment, procéder à toute vérification ou de contrôle qu'elles estiment nécessaires, sans interférer avec la gestion journalière de l'Association.</p>
<p><u>Ingingo ya 28:</u></p> <p>Abagenzunzi bakora raporo bageza nibura rimwe mu mwaka ku nteko Rusange isanzwe.</p>	<p><u>Article 28:</u></p> <p>Auditors shall produce a report to the General Assembly at least once a year in an ordinary session.</p>	<p><u>Article 28:</u></p> <p>Les Auditeurs adressent un rapport à l'Assemblée Générale au moins une fois par an en session ordinaire.</p>

Official Gazette n° 48 of 26/11/2018

<p><u>Ingingo ya 29:</u></p> <p>Ingingo y'imari y'umwaka itangira ku itariki ya 1 Mutarama ikarangira ku ya 31 Ukuboza buri mwaka.</p>	<p><u>Article 29:</u></p> <p>The accounting year shall commence on the 1st January and ends on 31st December of each year.</p>	<p><u>Article 29:</u></p> <p>L'année budgétaire commence le 1er Janvier, elle prend fin le 31 Décembre de chaque année.</p>
<p><u>Ingingo ya 30:</u></p> <p>Komite Nshingwabikorwa ishobora gushyiraho akanama ku bibazo byihariye.</p> <p>Ishyirwaho, abayigize, amategeko y'ishyirwa mu bikorwa ry'utwo tunama bigenwa n'amategeko ngengamikorere y'ishyirahamwe.</p>	<p><u>Article 30:</u></p> <p>The Executive Committee shall create the commissions for specific issues.</p> <p>Creation, composition and operating rules for these commissions shall be determined by the internal rules and regulations.</p>	<p><u>Article 30:</u></p> <p>Le Comité Exécutif peut créer des commissions pour des questions spécifiques.</p> <p>La création, la composition et les règles de fonctionnement de ces commissions sont déterminées par les règlements d'ordre intérieur.</p>
<p>UMUTWE WA IV : UMUTUNGO W'ISHYIRAHAMWE</p>	<p>CHAPTER IV: PROPERTY OF THE ASSOCIATION</p>	<p>CHAPITRE IV: DU PATRIMOINE DE L'ASSOCIATION</p>
<p><u>Ingingo ya 31:</u></p> <p>Imitungo y'ishyirahamwe ni imisanzu, Impano, imfashanyo n'indi mitungo ishyirahamwe rishobora kubona.</p>	<p><u>Article 31:</u></p> <p>Resources of the Association consist of member's contributions, grants, legacies, subsidies and resources which the Association may have at its disposal.</p>	<p><u>Article 31:</u></p> <p>Les ressources de l'Association sont les cotisations, legs, subventions et des ressources que l'Association peut avoir à sa disposition.</p>

<p><u>Ingingo ya 32:</u></p> <p>Buri munyamuryango atanga umusanzu wa buri mwaka ugenwa n'Inteko Rusange ibisabwe na Komite Nshingwabikorwa.</p>	<p><u>Article 32:</u></p> <p>Each member of the association shall pay an annual contribution determined by the General Assembly upon proposals from the Executive Committee.</p>	<p><u>Article 32:</u></p> <p>Chaque membre verse une cotisation annuelle fixée par l'Assemblée Générale sur proposition du Bureau Exécutif.</p>
<p><u>Ingingo ya 33:</u></p> <p>Kugira ngo Ishyirahamwe rigere ku nshingano zaryo rishobora gukoresha uburyo bw'inguzanyo cyangwa se rigakoresha imitungo yaryo yimukanwa cyangwa itimukanwa.</p>	<p><u>Article 33:</u></p> <p>The association may possess either through borrowing or ownership any such movable or immovable assets as needed to achieve its objectives.</p>	<p><u>Article 33:</u></p> <p>L'association peut posséder, soit par l'emprunt ou la propriété de ses actifs mobiliers ou immobiliers nécessaires pour atteindre ses objectifs.</p>
<p>UMUTWE WA V: IHINDURWA RY'AYA MATEGEKO SHINGIRO</p>	<p>CHAPTER V: MODIFICATION OF STATUTES</p>	<p>CHAPITRE V: MODIFICATION DES STATUTS</p>
<p><u>Ingingo ya 34:</u></p> <p>Amategeko shingiro y'Ishyirahamwe ashobora guhindurwa n'Inteko Rusange mu gihe cy'inama idasanzwe. Imyanzuro ifatwa hagendewe ku bwiganze bw'amajwi y'abanyamuryango bitabiriye inama.</p>	<p><u>Article 34:</u></p> <p>The statutes of the Association can only be modified by the General Assembly when holding an extraordinary meeting. The decisions shall be taken by the absolute majority of members present.</p>	<p><u>Article 34:</u></p> <p>Les statuts de l'Association ne peuvent être modifiés que par l'Assemblée Générale lors de la tenue d'une réunion extraordinaire. Les décisions sont prises à la majorité absolue des membres présents.</p>

<p>UMUTWE WA VI: IMPAMVU ZATUMA HABAHO ISESWA RY'ISHYIRAHAMWE</p>	<p>CHAPTER VI: REASONS FOR DISSOLUTION OF THE ASSOCIATION</p>	<p>CHAPITRE VI: MOTIF POUR DISSOLUTION DE L'ASSOCIATION</p>
<p><u>Ingingo ya 35:</u></p> <p>Inteko Rusange ni yo yonyine ku bwiganze bwa 2/3 by'abanyamuryango bitabiriye ishobora guseza ishyirahamwe mu gihe cy'inama idasanzwe.</p> <p>Impamvu ziseswa:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Kutubahiriza inshingano zo gukora ubuvugizi bwab'abanyamuryango; 2. Ubwumvikane buke bwatuma inyungu z'abanyamuryango zihungabana; 3. Iyo 2/3 by'abanyamuryango bagaragaje impamvu ikemerwa mu nteko rusange cyangwa mu nteko idasanzwe y'abanyamuryango n'indi mpamvu yemewe n'inteko rusange cyangwa idasanzwe. 	<p><u>Article 35:</u></p> <p>Only the General Assembly can, by the majority of 2/3 of members present, dissolve the Association when meeting in an extraordinary session.</p> <p>Reasons for dissolution:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. In case the association is not respecting its mandate of advocacy; 2. In case of serious misunderstanding that can affect the interests of Members; 3. If 2/3 of Members highlights serious reasons which is approved in the General Assembly of Extraordinary Assembly and any reason can be approved by the General Assembly of Extraordinary Assembly. 	<p><u>Article 35:</u></p> <p>Seule l'Assemblée Générale peut, par la majorité des 2/3 des membres présents, dissoudre l'Association lors d'une session extraordinaire.</p> <p>Les raisons de la dissolution :</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Dans le cas où l'association ne respecte pas son mandat de défense des droits ; 2. En cas de graves malentendus qui peuvent avoir une incidence sur les intérêts des Membres ; 3. Si 2/3 des membres mentionne motifs sérieux qui est approuvé à l'assemblée générale de l'extraordinaire assemblée et n'importe quelle raison peut être approuvée par l'assemblée générale ou extraordinaire.

Official Gazette n° 48 of 26/11/2018

<p>Igihe cyo gufata icyemezo gisese ishyirahamwe, Inteko Rusange ishyiraho abantu batatu bashinzwe gusesa, igendeye ku biteganywa n'amategeko n'amabwiriza y'Ishyirahamwe.</p> <p>Nyuma yo kwishyura imyenda, agaciro k'umutungo kagenwa n'Inteko rusange gahabwa amashyirahamwe afite inshingano zimwe. Uko byagenda kose nta na rimwe imitungo yagabanwa n'abagize ishyirahamwe. Ishyirwaho ry'abashinzwe iseswa rivanaho ishyirahamwe rirangiza manda ya Komite Nshingwabikorwa n'iy'Abagenzuzi.</p>	<p>When deciding on dissolution, the General Assembly shall appoint three liquidators according to such modalities as stipulated in the internal rules and regulations.</p> <p>After paying off the debts, use of the net assets shall be determined by the General Assembly. The assets shall be bequeathed to associations with similar objectives. Under no circumstances can the assets be shared among members. Appointment of liquidators shall terminate mandates of both the Executive Committee and auditors.</p>	<p>Au moment de décider de la dissolution, l'Assemblée Générale désignera trois liquidateurs selon des modalités telles que stipulées dans les règlements internes.</p> <p>Après avoir payé les dettes, l'utilisation de l'actif net est déterminée par l'Assemblée Générale. Le patrimoine est légué à des associations ayant des objectifs similaires. En aucun cas, les biens ne pourront être partagés entre les membres. La nomination des liquidateurs met fin au mandat du Comité Exécutif et des Auditeurs.</p>
<p>UMUTWE WA VII: INGINGO ZISOZA</p>	<p>CHAPTER VII: FINAL PROVISIONS</p>	<p>CHAPITRE VII: DISPOSITIONS FINALES</p>
<p><u>Ingingo ya 36:</u></p> <p>Ishyirwa mu bikorwa ry'aya mategeko shingiro n'ibindi bibazo byose bishobora kuvuka bigenwa n'amategeko n'amabwiriza y'ishyirahamwe.</p>	<p><u>Article 36:</u></p> <p>Modalities for implementing the present statutes and any matter not provided for shall be determined by the internal rules and regulations of the Association.</p>	<p><u>Article 36:</u></p> <p>Les modalités d'application des présents statuts et de toute question non prévue doivent être déterminées par les règlements internes de l'Association.</p>

Official Gazette n° 48 of 26/11/2018

<p><u>Ingingo ya 37:</u></p> <p>Aya mategeko shingiro atangira gukurikizwa uherye igihe ashiriweho umukono n’abanyamuryango b’ishyirahamwe.</p> <p>Abashinze ishyirahamwe bari ku rutonde ruri ku mugereka w’aya mategeko shingiro.</p> <p>Bikorewe i Nyarugenge, ku wa 10/05/2016</p>	<p><u>Article 37:</u></p> <p>The present statutes shall come into force from the day they are signed by founding members.</p> <p>The list of founder members of the association is attached to this Statute.</p> <p>Done at Nyarugenge, on 10/05/2016</p>	<p><u>Article 37:</u></p> <p>Les présents statuts entreront en vigueur dès le jour de la signature par les membres fondateurs.</p> <p>La liste des membres fondateurs de l’association sont à l’annexé du statut.</p> <p>Fait á Nyarugenge, le 10/05/2016</p>
<p>Umuvugizi w’Ishyirahamwe Bwana NKEZABO Damien (sé)</p> <p>Umuvugizi w’Ishyirahamwe wungirije Bwana NSABIMANA Pascal (sé)</p> <p>Umubitsi Bwana NTIRANDEKURA Fidèle (sé)</p> <p>Umunyamabanga Bwana BIHEMUNGU Joseph (sé)</p>	<p>The Legal Representative of the Association Mr. NKEZABO Damien (sé)</p> <p>Vice-Legal Representative Mr. NSABIMANA Pascal (sé)</p> <p>Treasurer Mr. NTIRANDEKURA Fidèle (sé)</p> <p>Secretary Mr. BIHEMUNGU Joseph (sé)</p>	<p>Le Représentant Légal de l’Association Mr. NKEZABO Damien (sé)</p> <p>Représentant Légal Suppléant Mr. NSABIMANA Pascal (sé)</p> <p>Trésorier Mr. NTIRANDEKURA Fidèle (sé)</p> <p>Secrétaire Mr. BIHEMUNGU Joseph (sé)</p>

THE MINUTES OF GENERAL ASSEMBLY OF « RWANDA ONIONS TRADERS ASSOCIATION»

MEETING HELD ON 10/05/2016

The year two thousand and sixteen, on 10st day of May, the constituency General Assembly of RWANDA ONIONS TRADERS ASSOCIATION, convened a meeting chaired by Mr NKEZABO Damien.

On the agenda of the constituency General assembly Meeting was:

1. Legal establishment of the Association;
2. Approving and signing the Constitution of the Association;
3. Election the Governing body of the Association.

1. Declaring the establishment of the Association

Members of Association who attended the General Assembly shared ideas and agreed to establish the association as the only way to come together to achieve the interests of members; moreover, members were convinced that full independence of the association is the only way to achieve their objectives. Therefore, members decided to legally establish RWANDA ONIONS TRADERS ASSOCIATION.

2. Signing the Constitution of the Association.

The General Assembly, after analyzing article by article of the constitution, reviewed the proposed draft constitution and members decided sign them in front of the notary public and agreed also to submit the constitution to the competent administrative institution for the association recognition and for legal personality.

3. Election of the Governing body of the Association.

After declaring the legal establishment of RWANDA ONIONS TRADERS ASSOCIATION and signing the constitution, members elected the Representatives of the Association for a mandate of three (3) years.

The following members were elected:

Position	Elected	Votes
Legal Representative of the Association	NKEZABO Damien	11/11
Vice Legal Representative of the Association	NSABIMANA Pascal	10/11
Secretary of the Association	BIHEMUNGU Joseph	7/11
Treasury of Association	NTIRANDEKURA Fidele	8/11

In the final remarks of the elected Chairperson, he thanked the members and asked them of working together for the promotion of Association.

Done at Nyarugenge on 10 /05/ 2016

(sé)

The Chairperson:
NKEZABO Damien

(sé)

Secretary:
Mr. BIHEMUNGU Joseph

DECLARATION OF LEGAL REPRESENTATIVE AND VICE- LEGAL REPRESENTATIVE OF RWANDA ONIONS TRADERS ASSOCIATION

We, the undersigned NKEZABO Damien, the Legal Representative of the Association and NSABIMANA Pascal the Vice-Legal Representative of the Association being among the founder members of RWANDA ONIONS TRADERS ASSOCIATION declare that we have been elected by the General Assembly held at NYARUGENGE on 10/05/2016 to be respectively the Legal Representative and the Vice-Legal Representative of RWANDA ONIONS TRADERS ASSOCIATION for a mandate of 3 years.

Done at Nyarugenge, on 10/05/2016

Legal Representative

(sé)

Mr. NKEZABO Damien

Vice-Legal Representative

(sé)

Mr. NSABIMANA Pascal

LIST OF FOUNDER MEMBERS OF RWANDA ONIONS TRADERS ASSOCIATION SIGNATORIES TO ITS STATUTES

N o	NAMES	COMPANY	APPOINTMENT	ID NUMBERS	SIGNATURE
1	NKEZABO Damien	NKEZABO ONIONS COMPANY Ltd	Legal Representative of the Association	1196280006487097	(sé)
2	NSABIMANA Pascal	RETURN Ltd	Vice Legal Representative of the Association	1198480066707088	(sé)
3	BIHEMUNGU Joseph	BAZILETE ONIONS Ltd	Secretary of the Association	1197080000242098	(sé)
4	NTIRANDEKURA Fidèle	LIAISON BUSINESS Ltd	Treasury of Association	1196980006831228	(sé)
5	NGIRABANTU Pierre Celestin	INEZA ONIONS Ltd	Member	1198180022538052	(sé)
6	NUMVIYUMUKIZA Etienne	ETIENE ONIONS COMPANY Ltd	Member	1197680000735086	(sé)
7	NSHIMIYIMANA Alexis	QUALITY ONIONS Ltd	Member	1198180002279128	(sé)
8	NSABIMANA Lambert	RUSIZI ONION PROMOTION Ltd	Member	1197680038186072	(sé)
9	HABIMANA Cyriaque	KIGALI ONIONS STANDARD Ltd	Member	1196680006550179	(sé)
10	MUNYENTWARI Edouard	EDUARD ONIONS Ltd	Member	1199080003345010	(sé)
11	NSENGIYUMVA Clement	LA BELLE TERRASSE Ltd	Member	1197780045875036	(sé)

REPUBLIKA Y’U RWANDA

MINISITERI Y’UBUTEGETSI BW’IGIHUGU

P.O.BOX 3445, KIGALI

Website: www.minaloc.gov.rw

ICYEMEZO GITANGA UBURENGANZIRA BWO GUHINDURA IZINA

Ashingiye ku Iteka N° 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu n’Umuryango, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 42;

Ashingiye ku Iteka rya Minisitiri N° 001/07.01 ryo ku wa 17/01/2017 rishyiraho uburyo n’inzira bikurikizwa mu guhindura izina;

Amaze kubona ibaruwa ya **KANYONI Ornella** yo ku wa 13/11/2018 isaba uburenganzira bwo guhindura amazina asanzwe yanditse mu gitabo cy’Irangamimerere;

Yemeje ko:

Madamu **KANYONI Ornella** utuye mu Mudugudu w’Uruhongore, Akagari ka Kamashashi, Umurenge wa Nyarugunga, Akarere ka Kicukiro mu Mujyi wa Kigali, ubarizwa kuri telephone:0786785852, ahinduye amazina asanganywe.

Kuva ubu yiswe **KANYONI Ornella Shandari**

Bikorewe i Kigali, ku wa 22/11/2018

(sé)

Prof. SHYAKA Anastase

Minisitiri

REPUBLIKA Y’U RWANDA

MINISITERI Y’UBUTEGETSI BW’IGIHUGU

P.O.BOX 3445, KIGALI

Website: www.minaloc.gov.rw

ICYEMEZO GITANGA UBURENGANZIRA BWO GUHINDURA IZINA

Minisitiri w’Ubutegetsi bw’Igihugu;

Ashingiye ku Iteka No 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu n’Umuryango, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 42;

Ashingiye ku Iteka rya Minisitiri No 001/07.01 ryo ku wa 17/01/2017 rishyiraho uburyo n’inzira bikurikizwa mu guhindura izina;

Amaze kubona ibaruwa ya **ISIMBI Fabiola** yo ku wa 13/11/2018 isaba uburenganzira bwo guhindura amazina asanzwe yanditse mu gitabo cy’Irangamimerere;

Yemeje ko:

Madamu **ISIMBI Fabiola** utuye mu Mudugudu w’Urohongore, Akagari ka Kamashashi, Umurenge wa Nyarugunga, Akarere ka Kicukiro mu Mujyi wa Kigali, ubarizwa kuri telephone:0786785852, ahinduye amazina asanganywe.

Kuva ubu yiswe **KANYONI ISIMBI Fabiola**

Bikorewe i Kigali, ku wa 22/11/2018

(sé)

Prof. SHYAKA Anastase

Minisitiri

REPUBLIKA Y’U RWANDA

MINISITERI Y’UBUTEGETSI BW’IGIHUGU

P.O.BOX 3445, KIGALI

Website: www.minaloc.gov.rw

ICYEMEZO GITANGA UBURENGANZIRA BWO GUHINDURA IZINA

Minisitiri w’Ubutegetsi bw’Igihugu

Ashingiye ku Iteka N° 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu n’Umuryango, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 42;

Ashingiye ku Iteka rya Minisitiri N° 001/07.01 ryo ku wa 17/01/2017 rishyiraho uburyo n’inzira bikurikizwa mu guhindura izina;

Amaze kubona ibaruwa ya **MUJAWAMARIYA KAYITARE Marie Dagreda** yo ku wa 17/10/2018 isaba uburenganzira bwo guhindura amazina asanzwe yanditse mu gitabo cy’Irangamimerere;

Yemeje ko:

Madamazela **MUJAWAMARIYA KAYITARE Marie Dagreda** utuye mu Mudugudu wa Rusoro, Akagari ka Nyanza, Umurenge wa Gatenga, Akarere ka Kicukiro mu Mujyi wa Kigali, uboneka kuri telephone:0781604300, ahinduye amazina asanganywe.

Kuva ubu yiswe **KAYITARE Dagreda**

Bikorewe I Kigali, ku wa 22/11/2018

(sé)

Prof. SHYAKA Anastase

Minisitiri

REPUBLIKA Y’U RWANDA

MINISITERI Y’UBUTEGETSI BW’IGIHUGU

P.O.BOX 3445, KIGALI

Website: www.minaloc.gov.rw

ICYEMEZO GITANGA UBURENGANZIRA BWO GUHINDURA IZINA

Minisitiri w’Ubutegesi bw’Iguhugu

Ashingiye ku Iteka N° 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu n’Umuryango, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 42;

Ashingiye ku Iteka rya Minisitiri N° 001/07.01 ryo ku wa 17/01/2017 rishyiraho uburyo n’inzira bikurikizwa mu guhindura izina;

Amaze kubona ibaruwa ya **MUJAWASE Nadia** yo ku wa 21/11/2018 isaba uburenganzira bwo guhindura amazina asanzwe yanditse mu gitabo cy’Irangamimerere;

Yemeje ko:

Madamu **MUJAWASE Nadia** utuye mu Mudugudu wa Gisementi, Akagari ka Rukiri II, Umurenge wa Remera, Akarere ka Gasabo mu Mujyi wa Kigali, ubarizwa kuri telephone: 0784087414, ahinduye amazina asanganywe.

Kuva ubu yiswe **UWASE Nadia**.

Bikorewe i Kigali, ku wa 22/11/2018

(sé)

Prof. SHYAKA Anastase

Minisitiri

REPUBLIKA Y’U RWANDA

MINISITERI Y’UBUTEGETSI BW’IGIHUGU

P.O.BOX 3445, KIGALI

Website: www.minaloc.gov.rw

ICYEMEZO GITANGA UBURENGANZIRA BWO GUHINDURA IZINA

Minisitiri w’Ubutegesi bw’Iguhugu

Ashingiye ku Iteka N° 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu n’Umuryango, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 42;

Ashingiye ku Iteka rya Minisitiri N° 001/07.01 ryo ku wa 17/01/2017 rishyiraho uburyo n’inzira bikurikizwa mu guhindura izina;

Amaze kubona ibaruwa ya **NEMEYE Julien** yo ku wa 31/01/2018 isaba uburenganzira bwo guhindura amazina asanzwe yanditse mu gitabo cy’Irangamimerere;

Yemeje ko:

Bwana NEMEYE Julien utuye mu Mudugudu wa Buhoro, Akagali ka Kibagabaga, Umurenge wa Kimironko, Akarere ka Gasabo mu Muji wa Kigali, ubarizwa kuri telephone:0788857100, ahinduye amazina asanganywe.

Kuva ubu yiswe **MANZI NEMEYE Julien**.

Bikorewe i Kigali, ku wa 25/10/2018

(sé)

Prof. SHYAKA Anastase

Minisitiri

INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA TWAGIRAMARIYA RUGAMBWA
Promesse Viginie RUSABA GUHINDURA AMAZINA

Uwitwa TWAGIRAMARIYA RUGAMBWA Promesse Viginie mwene SERUGAMBWA Vianney na MUKAKIGELI Marie Béatrice, utuye mu Mudugudu wa Ruganwa, Akagari ka Kinunga, Umurenge wa Gikondo, Akarere ka Kicukiro, mu Mujyi wa Kigali;

Yasabye uburenganzira bwo guhindura amazina ye, TWAGIRAMARIYA RUGAMBWA Promesse Viginie, agakura amazina TWAGIRAMARIYA na Virginie mu mazina asanganywe TWAGIRAMARIYA RUGAMBWA Promesse Viginie, akitwa **RUGAMBWA Promesse** mu Irangamimerere.

Impamvu atanga ni uko amazina TWAGIRAMARIYA RUGAMBWA Promesse Viginie ari amazina menshi.

Indi mpamvu nuko yiswe izina TWAGIRAMARIYA akivuka kuko ababyeyi be ari abayoboke b'Idini Gaturika, barimwita kuko yavutse ku italiki cumi n'eshanu z'ukwezi kwa Kanama, umunsi wa "Assumptio", ariko amaze kuba mukuru aba umuyoboke w'Itorero "New Life Bible Church" bityo azagusanga ikuzo abayoboke ba Gaturika baha Mariya ataryemera kuko bibangamiye imyemerere ye bituma kwita TWAGIRAMARIYA bimubangamira.

Akaba asaba kwemererwa binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gukura amazina TWAGIRAMARIYA na Virginie mu mazina asanganywe TWAGIRAMARIYA RUGAMBWA Promesse Viginie bityo akitwa **RUGAMBWA Promesse** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo inyandiko ye y'ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA MUNEZERO Aisha RUSABA
GUHINDURA IZINA**

Uwitwa MUNEZERO Aisha mwene KAZUNGU Jean Pierre na IRAKOZE Melanie, utuye mu Mudugudu wa Kigugu, Akagari ka Kamutwa, Umurenge wa Kacyiru, Akarere ka Gasabo , mu Mujyi wa Kigali, uboneka kuri telephone: 0788603682/0788754437;

Yasabye uburenganzira bwo gusimbuza izina Aisha, izina Benitha, mu mazina asanganywe MUNEZERO Aisha, akitwa **MUNEZERO Benitha** mu Irangamimerere

Impamvu atanga ni uko Aisha ari izina ry'Idini ya Islam kandi we akaba ari Umukirisitu.

Akaba asaba kwemererwa binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gusimbuza izina Aisha izina Benitha, mu mazina asanganywe MUNEZERO Aisha bityo akitwa **MUNEZERO Benitha** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo inyandiko ye y'ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA KADAFI Amos RUSABA GUHINDURA
IZINA**

Uwitwa KADAFI Amos mwene MAGENDA na MUKANTABANA, utuye Mudugudu wa Gakindo, Akagari ka Kazaza, Umurenge wa Rwempasha, Akarere ka Nyagatare, mu Ntara y'Iburasirazuba, uboneka kuri telephone: 0780431446/0788746835;

Yasabye uburenganzira bwo kongera izina CYUSA mu mazina asanganywe akitwa **CYUSA KADAFI Amos** mu Irangamimerere.

Impamvu atanga ni uko ashaka kugira izina ry'ikinyarwanda mu mazina ye nk'umunyarwanda;

Akaba asaba kwemererwa binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, kongera izina Cyusa mu mazina asanganywe KADAFI Amos bityo akitwa **CYUSA KADAFI Amos** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo inyandiko ye y'ivuka.

**ICYEMEZO N°RCA/0599/2018 CYO KU WA 18/10/11/2018 GIHA UBUZIMAGATOZI
KOPERATIVE « MILLENIUM COOPERATIVE»**

Umuyobozi Mukuru w’Ikigo cy’Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative;

Ashingiye ku Itegeko n° 50/2007 ryo kuwa 18 Nzeri 2007 rigena ishyirwaho, imiterere n’imikorere y’Amakoperative mu Rwanda, nk’uko ryavuguruwe kandi ryujijwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 23, igika cya 3;

Ashingiye ku Itegeko n° 48/2013 ryo kuwa 28/06/2013 rishyiraho Ikigo cy’Igihugu gishinzwe guteza Imbere Amakoperative, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 3, igika cya 2;

Abisabwe na Perezida wa Koperative «**MILLENIUM COOPERATIVE**» ifite icyicaro i Rukatsa, Umurenge wa Kagarama, Akarere ka Kicukiro, Umujyi wa Kigali;

YEMEJE:

Ingingo ya mbere:

Koperative «**MILLENIUM COOPERATIVE**» ifite icyicaro i Rukatsa, Umurenge wa Kagarama, Akarere ka Kicukiro, Umujyi wa Kigali; ihawe ubuzimagatozi.

Ingingo ya 2:

Koperative «**MILLENIUM COOPERATIVE**» igamije guteza imbere ubwubatsi n’ubucuruzi bw’ibikoresho by’ubwubatsi. Ntiyemerewe gukora indi mirimo inyuranye n’iyo iherewe ubuzimagatozi keretse ibanje kubisaba ikanabihirwa uburenganzira.

Ingingo ya 3:

Koperative «**MILLENIUM COOPERATIVE**» itegetswe gutangaza iki Cyemezo mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda mu gihe kitarenze iminsi mironko itatu (30) ikimara kugihabwa.

Kigali, ku wa 18/10/2018

(Sé)

Prof. HARELIMANA Jean Bosco
Umuyobozi Mukuru w’Ikigo cy’Igihugu
gishinzwe guteza imbere Amakoperative

**ICYEMEZO N°RCA/0569/2018 CYO KU WA 01/10/2018 GIHA UBUZIMAGATOZI
KOPERATIVE « DUKORERE KU NTEGO KABAYA» (KODUKUKA)**

Umuyobozi w’Ikigo cy’Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative;

Ashingiye ku Itegeko n° 50/2007 ryo kuwa 18 Nzeri 2007 rigena ishyirwaho, imiterere n’imikorere y’Amakoperative mu Rwanda, nk’uko ryavuguruwe kandi ryujijwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 23, igika cya 3;

Ashingiye ku Itegeko n° 48/2013 ryo kuwa 28/06/2013 rishyiraho Ikigo cy’Igihugu gishinzwe guteza Imbere Amakoperative, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 3, igika cya 2;

Abisabwe na Perezida wa Koperative «**KODUKUKA**» ifite icyicaro mu Kagari ka Kabaya, Umurenge wa Kabaya, Akarere ka Ngororero, Intara y’Iburengerazuba;

YEMEJE:

Ingingo ya mbere:

Koperative «**KODUKUKA**» ifite icyicaro mu Kagari ka Kabaya, Umurenge wa Kabaya, Akarere ka Ngororero, Intara y’Iburengerazuba; ihawe ubuzimagatozi.

Ingingo ya 2:

Koperative «**KODUKUKA**» igamije guteza imbere ububumbyi bw’amatafari n’amategura. Ntiyemerewe gukora indi mirimo inyuranye n’iyo iherewe ubuzimagatozi keretse ibanje kubisaba ikanabiherwa uburenganzira.

Ingingo ya 3:

Koperative «**KODUKUKA**» itegegetswe gutangaza iki Cyemezo mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda mu gihe kitarenze iminsi mironko itatu (30) ikimara kugihabwa.

Kigali, ku wa 01/10/2018

(Sé)

Prof. HARELIMANA Jean Bosco
Umuyobozi Mukuru w’Ikigo cy’Igihugu
gishinzwe guteza imbere Amakoperative

**ICYEMEZO N°RCA/0589/2018 CYO KU WA 08/10/2018 GIHA UBUZIMAGATOZI
KOPERATIVE « ABIBUMBYE RWIMISHINYA »**

Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative;

Ashingiye ku Itegeko n° 50/2007 ryo kuwa 18 Nzeri 2007 rigena ishyirwaho, imiterere n'imikorere y'Amakoperative mu Rwanda, nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 23, igika cya 3;

Ashingiye ku Itegeko n° 48/2013 ryo kuwa 28/06/2013 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza Imbere Amakoperative, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 3, igika cya 2;

Abisabwe na Perezida wa Koperative «**ABIBUMBYE RWIMISHINYA**» ifite icyicaro i Rwimishinya, Umurenge wa Rukara, Akarere ka Kayonza, Intara y'Iburasirazuba;

YEMEJE:

Ingingo ya mbere:

Koperative «**ABIBUMBYE RWIMISHINYA**» ifite icyicaro i Rwimishinya, Umurenge wa Rukara, Akarere ka Kayonza, Intara y'Iburasirazuba; ihawe ubuzimagatozi.

Ingingo ya 2:

Koperative «**ABIBUMBYE RWIMISHINYA**» igamije guteza imbere ubuhinzi bw'ibigori, ibishyimbo, soya n'imboga. Ntiyemerewe gukora indi mirimo inyuranye n'iyi iherewe ubuzimagatozi keretse ibanje kubisaba ikanabihirwa uburenganzira.

Ingingo ya 3:

Koperative «**ABIBUMBYE RWIMISHINYA**» itegetswe gutangaza iki Cyemezo mu Igazeti ya Leta ya Repbulika y'u Rwanda mu gihe kitarenze iminsi mironko itatu (30) ikimara kugihabwa.

Kigali, ku wa 08/10/2018

(Sé)

Prof. HARELIMANA Jean Bosco
Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu
gishinzwe guteza imbere Amakoperative

**ICYEMEZO N°RCA/0632/2018 CYO KU WA 30/10/2018 GIHA UBUZIMAGATOZI
KOPERATIVE «ICYEREKEZO GASABO BUSINESS ADVISOR COOPERATIVE»
(IGBACO)**

Umuyobozi Mukuru w’Ikigo cy’Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative;

Ashingiye ku Itegeko n° 50/2007 ryo kuwa 18 Nzeri 2007 rigena ishyirwaho, imiterere n’imikorere y’Amakoperative mu Rwanda, nk’uko ryavuguruwe kandi ryujijwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 23, igika cya 3;

Ashingiye ku Itegeko n° 48/2013 ryo kuwa 28/06/2013 rishyiraho Ikigo cy’Igihugu gishinzwe guteza Imbere Amakoperative, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 3, igika cya 2;

Abisabwe na Perezida wa Koperative «**IGBACO**» ifite icyicaro i Remera, Umurenge wa Remera, Akarere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali;

YEMEJE:

Ingingo ya mbere:

Koperative «**IGBACO**» ifite icyicaro i Remera, Umurenge wa Remera, Akarere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali, ihawe ubuzimagatozi.

Ingingo ya 2:

Koperative «**IGBACO**» igamije gutanga serivisi zijyanye no gutanga inama no gutegurira abantu imishinga y’ubucuruzi. Ntiyemerewe gukora indi mirimo inyuranye n’iyo ihereye ubuzimagatozi keretse ibanje kubisaba ikanabihirwa uburenganzira.

Ingingo ya 3:

Koperative «**IGBACO**» itegegetswe gutangaza iki Cyemezo mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) ikimara kugihabwa.

Kigali, ku wa 30/10/2018

(Sé)

**Prof. HARELIMANA Jean Bosco
Umuyobozi Mukuru w’Ikigo cy’Igihugu
gishinzwe guteza imbere Amakoperative**